CareerCenter

A proud partner of the americanjobcenter network

# Inama z'ikiganiro bazwa



## Reka tukuyobore mu nzira y'ikiganiro bazwa

### Uburyo bw'ingenzi bwagufasha mu kiganiro bazwa:

- **Kora imyitozo yawe- ku kigo**
  Shakisha byinshi bishoboka ku bijyanye n'ikigo, amateka yacyo,uko ibintu bimeze ubu n'ahazaza hacyo uko ushoboye kose. Ibyifashihwa:Murandasi -n'isomero ry'ibinyamakuru, iby'ubucuruzi, inyandiko, raporo z'umwaka- inshuti n' abajyanama b'ibigo bitoza umurimo. Itegure kubaza ibibazo byiza ku bijyanye n'ikigo n'icyerekezo cyacyo.
- **Kora imyitozo yawe – ku mwanya w'umurimo**
  Kumenya neza umwanya w'umurimo, inshingano z'ingenzi, inshingano z'ibanze, n'ibyo baba bagutegerejeho. Ba witegueye kubaza ibibazo byiza: Ni nde washoboye kugera ku ntego kubera iki? Ni nde watsinzwe kubera iki? Ni nde umwanya w'umurimo uha raporo? Ni uyu mwanya w'umurimo ureberera? Ni izihe ntego z'umwanya w'umurimo mu mezi atandatu ya mbere; mu mwaka wa mbere?
- **Kora imyitozo yawe- kuri wowe ubwawe**
  Subiramo neza urugendo rwawe mu mwuga. Subiramo amatariki, imyanya y'umurimo, inshingano n'ibyo wagezeho. Menya imbaraga n'intege zawe. Ba witeguye kuvuga ingero zihariye zibyo wagezeho n'ukuntu imyanya y'imirimo runaka yaguteguriye uwo mwanya.

### Inama z'ibyo kwibuka:

- Uzagere ahabere ikiganiro bazwa mbere ho iminota icumi, keretse hari andi mabwiriza wahawe.
- Uzuza neza impapuro zisabwa neza kandi mu buryo bwuzuye.
- Suhuza abayobora ikiganiro bazwa mu izina rye unamwenyura kandi umuhe ikiganza ukomeje.
- Tegereza baguhe icyicaro.
- Ntukanywe itabi cyangwa ngo uhekenye shikareti.
- Ntugasubize ikibazo na "yego" cyangwa "hoya" Igurishe ukoresheje ingero zigaragaza ishusho y'ibyo wakoze, aho wabikoze n'igihe, uburyo wabikoze n'impamvu wabikoze ariko udateje urujijo.
- Shimangira ibyo wagezeho.
- Ntugakoreshe amagambo asebanya ku bakoresha bawe ba mbere n'uwubu.
- Ntugahangayikishwe n'umushahara, ibihembo, inyungu n'ikiruhuko mu kiganiro bazwa cy'ibanze.
- Uzabwire umukoresha wawe ibyo ugiye kumukorera, Atari byo bo bazagukorera.
- Buri gihe uzigaragaze nk'umunyakuri.

**Ku yandi makuru wabaza:**


### Ibigo bitoza umurimo bya Maine

www.mainecareercenter.gov

MaineDOL.CareerCenter@maine.gov

207-623-7981 | Abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bahamagara umurongo wa Maine wa 711


Kuri interineti
VUGANA NATWE AKO KANYA

Ishami rya Maine ry'umurimo ritanga amahirwe angana mu murimo na gahunda. Inkunga y'ingoboka na serivisi biraboneka iyo babisabye ku bantu bafite ubumuga.

02/23